

**ITEGEKO N° 70/2019 RYO KU WA LAW N° 70/2019 OF 10/01/2020 LOI N° 70/2019 DU 10/01/2020
10/01/2020 RIGENGA INGERO N'IBIPIMO GOVERNING METROLOGY IN RWANDA RÉGISSANT LA MÉTROLOGIE AU
MU RWANDA RWANDA**

ISHAKIRO

TABLE OF CONTENTS

TABLE DES MATIÈRES

<u>UMUTWE WA MBERE: INGINGO</u> RUSANGE	<u>CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS</u>	<u>CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS</u> GÉNÉRALES
<u>Ingingo ya mberere: Icyo iri tegeko rigamije</u>	<u>Article One: Purpose of this Law</u>	<u>Article premier: Objet de la présente loi</u>
<u>Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo</u>	<u>Article 2: Definitions</u>	<u>Article 2: Définitions</u>
<u>UMUTWE WA II: INZEGO ZISHINZWE</u> SERIVISI Z'INGERO N'IBIPIMO	<u>CHAPTER II: ORGANS RESPONSIBLE</u> FOR METROLOGY SERVICES	<u>CHAPITRE II: ORGANES CHARGÉS</u> DES SERVICES DE LA MÉTROLOGIE
<u>Ingingo ya 3: Ikigo gishinzwe ingero</u> n'ibipimo	<u>Article 3: Metrology organ</u>	<u>Article 3: Organe de la métrologie</u>
<u>Ingingo ya 4: Inzego zigenga zitanga serivisi</u> z'ingero n'ibipimo	<u>Article 4: Private bodies of metrology</u>	<u>Article 4: Entités privées de métrologie</u>
<u>UMUTWE WA III: INGERO N'IBIPIMO</u> FATIZO	<u>CHAPTER III: UNITS OF MEASUREMENT</u> AND MEASUREMENT STANDARDS	<u>CHAPITRE III: UNITÉS DE MESURE</u> ET DE NORME
<u>Ingingo ya 5: Ingero fatizo z'ibipimo</u>	<u>Article 5: Base units of measurement</u>	<u>Article 5: Unités de mesure de base</u>
<u>Ingingo ya 6: Ingero z'ibipimo</u>	<u>Article 6: Units of measurement</u>	<u>Article 6: Unités de mesure</u>

<u>Ingingo ya 7:</u> Igenwa ry'ibipimo fatizo	<u>Article 7:</u> Determination of reference measurement standards	<u>Article 7:</u> Détermination des mesures de référence standard
<u>Ingingo ya 8:</u> Ishingiro n'ubwuzure bw'ibipimo fatizo	<u>Article 8:</u> Traceability and accuracy of reference measurement standard	<u>Article 8:</u> Traçabilité et exactitude des mesures de référence standard
<u>UMUTWE WA IV:</u> IGENZURA RY'INGERO N'IBIPIMO	<u>CHAPTER IV:</u> METROLOGICAL CONTROLS	<u>CHAPITRE IV:</u> CONTRÔLES MÉTROLOGIQUES
<u>Ingingo ya 9:</u> Igenzura ry'ingero n'ibipimo	<u>Article 9:</u> Metrological controls	<u>Article 9:</u> Contrôles métrologiques
<u>Ingingo ya 10:</u> Kwemeza ubwoko, isuzuma n'igereranyabipimo by'igikoresho gipima n'ibikigize	<u>Article 10:</u> Type approval, verification and calibration of measuring equipment and its components	<u>Article 10:</u> Approbation de type, vérification et étalonnage des équipements de mesure et ses composantes
<u>Ingingo ya 11:</u> Kugenzura ibicuruzwa bipfunyitse	<u>Article 11:</u> Control of pre-packaged products	<u>Article 11:</u> Contrôle des produits pré-emballés
<u>Article 12:</u> Gukurikirana imikoreshereze y'ibipimo	<u>Article 12:</u> Metrological supervision	<u>Article 12:</u> Supervision métrologique
<u>Ingingo ya 13:</u> Kwemeza ubuziranenge bw'ibikoresho bipima	<u>Article 13:</u> Conformity of measuring equipment	<u>Article 13:</u> Conformité d'équipements de mesure
<u>UMUTWE WA V:</u> AMAKOSA N'IBIHANO BYO MU RWEGO RW'UBUTEGETSI	<u>CHAPTER V:</u> ADMINISTRATIVE FAULTS AND SANCTIONS	<u>CHAPITRE V:</u> FAUTES ET SANCTIONS ADMINISTRATIVES
<u>Ingingo ya 14:</u> Gukoresha nabi ingero n'ibipimo	<u>Article 14:</u> Misuse of measurements and measuring equipment	<u>Article 14:</u> Utilisation abusive des poids et mesures
<u>Ingingo ya 15:</u> Gukora igikoresho gipima kitujuje ibisabwa	<u>Article 15:</u> Manufacture of non-compliant weighing and measuring equipment	<u>Article 15:</u> Fabrication d'équipement de mesure non conforme

<u>Ingingo ya 16:</u> Gukoresha nabi ibirango n'ibimenyetso	<u>Article 16:</u> Misuse of seals and stamps	<u>Article 16:</u> Utilisation abusive des marques et scellés
<u>Ingingo ya 17:</u> Gusana no kwita ku bikoresho by'ingero n'ibipimo utabifitiye uruhushya	<u>Article 17:</u> Repair and maintenance of metrological equipment without licence	<u>Article 17:</u> Réparation et entretien des équipements métrologiques sans autorisation
<u>Ingingo ya 18:</u> Kwimana cyangwa gutanga amakuru atari yo yerekeye ingero n'ibipimo	<u>Article 18:</u> Refusal to provide information or provision of false information relating to measurements and measuring equipment	<u>Article 18:</u> Refus de donner des informations ou fourniture de fausses informations relatives aux mesures et équipements de mesurage
<u>Ingingo ya 19:</u> Ibishingirwaho mu kugena ingano y'ihazabu	<u>Article 19:</u> Considerations in determining the amount of the fine	<u>Article 19:</u> Éléments à prendre en compte pour déterminer le montant d'une amende
<u>Ingingo ya 20:</u> Isubirakosa	<u>Article 20:</u> Recidivism	<u>Article 20:</u> Récidive
<u>Ingingo ya 21:</u> Ikigo gica ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi n'aho ishyirwa	<u>Article 21:</u> Organ which charges an administrative fine and its destination	<u>Article 21:</u> Organe qui impose l'amende administrative et sa destination
<u>Ingingo ya 22:</u> Igihe cyo kwishyura ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi	<u>Article 22:</u> Time for payment of an administrative fine	<u>Article 22:</u> Délai de paiement d'une amende administrative
<u>Ingingo ya 23:</u> Ubujurire ku bihano byo mu rwego rw'ubutegetsi	<u>Article 23:</u> Appeal against administrative sanctions	<u>Article 23:</u> Recours contre les sanctions administratives
<u>UMUTWE WA VI: INGINGO ZISOZA</u>	<u>CHAPTER VI: FINAL PROVISIONS</u>	<u>CHAPITRE VI: DISPOSITIONS FINALES</u>
<u>Ingingo ya 24:</u> Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko	<u>Article 24:</u> Drafting, consideration and adoption of this Law	<u>Article 24:</u> Initiation, examen et adoption de la présente loi

**Ingingo ya 25: Ivanwaho ry'ingingo Article 25: Repealing provision
z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko**

Article 25: Disposition abrogatoire

**Ingingo ya 26: Igihe iri tegeko ritangira Article 26: Commencement
gukurikizwa**

Article 26: Entrée en vigueur

**ITEGEKO N° 70/2019 RYO KU WA LAW N° 70/2019 OF 10/01/2020 LOI N° 70/2019 DU 10/01/2020
10/01/2020. RIGENGA INGERO GOVERNING METROLOGY IN RWANDA RÉGISSANT LA MÉTROLOGIE AU
N'IBIPIMO MU RWANDA RWANDA**

Twebwe, KAGAME Paul,
Perezida wa Repubulika;

We, KAGAME Paul,
President of the Republic;

Nous, KAGAME Paul,
Président de la République;

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND LE PARLEMENT A ADOPTÉ ET NOUS
YEMEJE NONE NATWE DUHAMIJE, WE SANCTION, PROMULGATE THE SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA
DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE LOI DONT LA TENEUR SUIT ET
KANDI DUTEGETSE KO RITANGAZWA PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE ORDONNONS QU'ELLE SOIT
MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA OF THE REPUBLIC OF RWANDA PUBLIÉE AU JOURNAL OFFICIEL DE
Y'U RWANDA LA RÉPUBLIQUE DU RWANDA**

INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:

THE PARLIAMENT:

LE PARLEMENT:

Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo ku wa
20 Ugushyingo 2019;

The Chamber of Deputies, in its session of 20
November 2019;

La Chambre des Députés, en sa séance du 20
novembre 2019;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika
y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu
2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 64, iya
69, iya 70, iya 88, iya 90, iya 91, iya 106, iya
120 n'iya 176;

Pursuant to the Constitution of the Republic of
Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in
Articles 64, 69, 70, 88, 90, 91, 106, 120 and 176;

Vu la Constitution de la République du
Rwanda de 2003 révisée en 2015,
spécialement en ses articles 64, 69, 70, 88, 90,
91, 106, 120 et 176;

YEMEJE:

ADOPTS:

ADOPTE:

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO
RUSANGE**

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS
GÉNÉRALES**

Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije

Article One: Purpose of this Law

Article premier: Objet de la présente loi

Iri tegeko rigena kandi rikanashyiraho uburyo bwo kugenzura ingero n'ibipimo.

This Law determines and institutes modalities for metrological controls.

La présente loi définit et établit les modalités de mise en œuvre des contrôles métrologiques.

Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo

Article 2: Definitions

Article 2: Définitions

Muri iri tegeko, amagambo akurikira asobanuwe mu buryo bukurikira:

Under this Law, the following terms are defined as follows:

Aux fins de la présente loi, les termes repris ci-après sont définis comme suit:

1° **icyemezo cy'ubuziranenge bw'igikoresho gipima:** inyandiko itangwa n'urwego rubifitiye ububasha, yemeza ko ubwoko bw'igikoresho gipima n'ibikigize byujuje ibisabwa;

1° **type approval certificate:** a document issued by the competent authority, certifying that the type of measuring equipment and its components comply with the relevant requirements;

1° **certificat d'approbation de type:** un document délivré par l'autorité compétente certifiant que le type d'instrument de mesure et ses composantes se conforment aux exigences définies;

2° **igereranyabipimo:** urwunge rw'ibikorwa, mu buryo n'imikorere byagenwe, byerekana isano iri hagati y'ingano y'ibipimwa bitangwa n'igipimo fatizo n'igipimo ngababipimo n'urugero rw'ikizere hagati yabyo;

2° **calibration:** a set of operations, that under specified conditions, establishes, a relation between the quantity values with measurement uncertainties provided by reference measurement standards and those provided by working measurement standards and the degree of accuracy between them;

2° **étalonnage:** ensemble d'opérations qui, dans des conditions spécifiées, établit une relation entre les valeurs de quantité et les incertitudes fournies par mesures de référence standard et celles fournies par les mesures de référence de travail ainsi que le niveau d'exactitude entre elles;

3° **igicuruzwa gipfunyitse:** igicuruzwa ubwacyo hamwe n'icyo

3° **pre-packaged product:** product and packaging material into which it was put

3° **produit préemballé:** produit et matériel d'emballage dans lequel il a

- cyapfunyitswemo umuguzi adahari mbere y'uko gishyirwa ku isoko;
- 4° **igikoresho gipima:** igikoresho cyifashishwa cyonyine cyangwa gikomatananyijwe n'ikindi kimwe cyangwa byinshi mu gutanga ibipimo;
- 5° **igipimo:** ingano y'igipimwa hagendewe ku ngero zemewe ku rwego rw'Igihugu;
- 6° **igipimo fatizo:** igikoresho ngenderwaho mu kwemeza ubuziranenge bw'ibipimo;
- 7° **igipimo fatizo cy'ibanze:** igikoresho ngenderwaho mu gihugu gifite ubwuzure n'ubwizerwe byo ku rwego rwo hejuru mu gupima bushingiye ku gipimo fatizo ntima;
- 8° **igipimo fatizo cyungirije:** igikoresho ngenderwaho gifite ubwuzure n'ubwizerwe byo ku rwego rukurikira igipimo fatizo cy'ibanze;
- in the absence of the consumer, before being offered for sale;
- 4° **measuring equipment:** a device or a combination of devices designed for measurement of quantities;
- 5° **measurement:** quantity value determined basing on measurement standards recognized nationally;
- 6° **reference measurement standard:** material measure or measuring equipment used to ascertain conformity of measurements;
- 7° **primary measurement standard:** national reference standard with high level of precision and accuracy in defining a given quantity value and traceable to international prototype units of measurement;
- 8° **secondary measurement standard:** reference material whose precision and accuracy of a given quantity value are traceable to primary measurement standard;
- été mis sans la présence du consommateur avant d'être proposé à la vente;
- 4° **instrument de mesure:** dispositif utilisé pour faire des mesurages, seul ou associé à un autre ou plusieurs dispositifs connexes ;
- 5° **mesure:** valeur d'une quantité donnée déterminée sur base des étalons reconnus au niveau national;
- 6° **mesure de référence standard:** matériel de mesure ou équipement utilisé pour vérifier la conformité de mesures;
- 7° **étalon primaire:** matériel de référence national utilisé dans la définition hautement précise et adéquate de la valeur d'une quantité donnée et qui est traçable au prototype international d'unité de mesure;
- 8° **étalon secondaire:** matériel de référence dont la précision et l'exactitude de la valeur d'une quantité donnée sont traçables à l'étalon primaire;

- | | | |
|---|--|---|
| 9° igipimo fatizo ngababipimo: igikoresho ngenderwaho mu gutanga no gukwirakwiza ibipimo bifite ubwuzure n'ubwizerwe bushingiye ku gipimo fatizo cyungirije; | 9° working measurement standard: reference standard whose precision and accuracy of a given quantity value are traceable to secondary measurement standard; | 9° mesure de référence de travail : matériel de référence dont la précision et l'exactitude de la valeur d'une quantité donnée sont traçables à l'étalon secondaire; |
| 10° igipimo fatizo ntima: igikoresho muzi ngenderwaho ku rwego mpuzamahanga mu kugena ubuziranenge bw'ibikoresho bipima; | 10° international prototype of units of measurement: international reference standard used to define conformity of measurements; | 10° prototype international d'unité de mesure: matériel de référence international utilisé pour définir la conformité de mesures; |
| 11° ingero n'ibipimo: ubuhanga mu kugena ingano y'igipimwa; | 11° metrology: the scientific study of measurements and its applications; | 11° métrologie: science des mesurages et ses applications; |
| 12° Minisitiri: ugize Guverinoma ufite mu nshingano ze ibijyanye n'ingero n'ibipimo; | 12° Minister: a Cabinet member in charge of metrology; | 12° Ministre: un membre du Conseil des Ministres ayant la métrologie dans ses attributions; |
| 13° umuntu: umuntu ku giti cye, sosiyete, koperative, ikigo, urwego cyangwa umuryango bifite ubuzimagatozi; | 13° person: physical person, company, cooperative, corporate, institution or organisation with legal personality; | 13° personne: personne physique, société, coopérative, établissement, institution ou organisation dotée d'une personnalité juridique; |
| 14° urugero: ingano ngenderwaho mu gupima. | 14° unit of measurement: standard for quantity value definition. | 14° unité de mesure: mesure pour définir la valeur d'une quantité donnée. |

**UMUTWE WA II: INZEGO ZISHINZWE
SERIVISI Z'INGERO N'IBIPIMO**

**CHAPTER II: ORGANS RESPONSIBLE
FOR METROLOGY SERVICES**

**CHAPITRE II: ORGANES CHARGÉS
DES SERVICES DE LA MÉTROLOGIE**

Ingingo ya 3: Ikigo gishinzwe ingero n'ibipimo

Article 3: Metrology organ

Article 3: Organe de la métrologie

Ikigo cy'igihugu gitsura ubuziranenge ni cyo gishinzwe ingero n'ibipimo.

The Rwanda Standards Board is the organ in charge of metrology organ.

L'Office Rwandais de Normalisation est l'organe ayant la métrologie dans ses attributions.

Ingingo ya 4: Inzego zigenga zitanga serivisi z'ingero n'ibipimo

Article 4: Private bodies of metrology

Article 4: Entités privées de métrologie

Serivisi z'ingero n'ibipimo zishobora gutangwa n'inzego zigenga zibifitiye uruhushya.

Licensed private bodies may provide metrology services.

Les entités privées autorisées peuvent fournir les services de métrologie.

Iteka rya Minititiri rigena ibishingirwaho mu guhabwa uruhushya ku batanga serivisi z'ingero n'ibipimo.

An Order of the Minister determines requirements for obtain a licence to provide metrology services.

Un arrêté du Ministre détermine les conditions requises pour obtenir l'autorisation de fournir des services de métrologie.

**UMUTWE WA III: INGERO N'IBIPIMO
FATIZO**

**CHAPTER III: UNITS OF MEASUREMENT
AND MEASUREMENT STANDARDS**

**CHAPITRE III: UNITÉS DE MESURE
ET DE NORME**

Ingingo ya 5: Ingero fatizo z'ibipimo

Article 5: Base units of measurement

Article 5: Unités de mesure de base

Ingero fatizo z'ibipimo zikoreshwa mu Rwanda zishingiye ku ngero fatizo mpuzamahanga zikurikira:

Base units of measurement used in Rwanda are based on the following international system of units:

Les unités de mesure de base utilisées au Rwanda sont basées sur le système international d'unités suivantes:

1° urugero fatizo rw'uburebure ni Metero (m);

1° the base unit of measurement of length is Meter(m);

1° l'unité de mesure de base de longueur est Mètre (m);

2° urugero fatizo rw'uburemere ni Kilogarama (kg);	2° the base unit of measurement of mass is Kilogram (kg);	2° l'unité de mesure de base de masse est Kilogramme (kg);
3° urugero fatizo rw'igihe ni Isegonda (s);	3° the base unit of measurement of time is Second (s);	3° l'unité de mesure de base de temps est Seconde (s);
4° urugero fatizo rw'ingano y'amashanyarazi ni Amperi (A);	4° the base unit of measurement of electric current is Ampere (A);	4° l'unité de mesure de base de courant électrique est Ampère (A);
5° urugero fatizo rw'ubushyuhe ni Kelivini (K);	5° base unit of measurement of thermodynamic temperature is kelvin (K);	5° l'unité de mesure de base de température thermodynamique est Kelvin (K);
6° urugero fatizo rw'ingano y'urumuri ni Kandela (cd);	6° the base unit of measurement of luminous intensity is Candela (cd);	6° l'unité de mesure de base de l'intensité lumineuse est Candela (cd);
7° urugero fatizo rw'ingano rw'akanyangingo remezo ni Mole (mol).	7° the base unit of measurement of the amount of substance is Mole (mol).	7° l'unité de mesure de base de quantité de substance est Mole (mol).

Ingingo ya 6: Ingero z'ibipimo

Ingero z'ibipimo zikoreshwa mu Rwanda zigomba kuba zishingiye ku ngero fatizo z'ibipimo.

Article 6: Units of measurement

The units of measurement used in Rwanda must be based on the base units of measurement.

Article 6: Unités de mesure

Les unités de mesure applicables au Rwanda doivent se baser sur des unités de mesure de base.

Ingingo ya 7: Igenwa ry'ibipimo fatizo

Ibipimo fatizo bigizwe n'ibipimo fatizo by'ibanze, ibipimo fatizo byungirije n'ibipimo fatizo ngababipimo bigenwa hashingiwe ku

Article 7: Determination of reference measurement standards

Reference measurement standards including primary, secondary and working standards are determined basing on internationally recognized measurement standards.

Article 7: Détermination des mesures de référence standard

Les mesures de référence standard comprenant les mesures de référence primaires, secondaires et celles de travail, sont

bipimo fatizo byemewe ku rwego mpuzamahanga.

déterminées sur base des mesures de référence reconnues au niveau international.

Ikigo cy'igihugu gishinzwe ingero n'ibipimo ni cyo kigena, kigashyiraho kandi kikarinda ibipimo fatizo bivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo.

The organ in charge of metrology determines, maintains and ensures traceability of reference measurement standards referred to in Paragraph One of this Article.

L'organe ayant la métrologie dans ses attributions détermine, maintient et assure la traçabilité des mesures de référence standard visées à l'alinéa premier du présent article.

Ingingo ya 8: Ishingiro n'ubwuzure bw'ibipimo fatizo

Article 8: Traceability and accuracy of reference measurement standards

Article 8: Traçabilité et exactitude des mesures de référence standard

Ubwuzure bw'ibipimo fatizo by'ibanze bushingiye ku bipimo ntima by'ingero z'ibipimo zikoreshwa ku rwego mpuzamahanga.

The accuracy of primary measurement standards is traceable to international prototype of units of measurements.

L'exactitude des mesures de référence primaires sont traçables aux prototypes internationaux des unités de mesure.

Ubwuzure bw'ibipimo fatizo byungirije bushingiye ku bipimo fatizo by'ibanze, naho ubwuzure bw'ibipimo fatizo ngababipimo bushingiye ku bipimo fatizo byungirije.

The accuracy of secondary measurement standards is maintained and traceable to primary measurements standards. The accuracy of working measurement standards is maintained and traceable to secondary measurement standards.

L'exactitude des mesures de référence secondaires est maintenue et traçable aux mesures de référence primaires, alors que l'exactitude des mesures de référence de travail est maintenue et traçable aux mesures de référence secondaires.

Ubwuzure bw'ibindi bipimo aho bukoreshwa bushingira ku bipimo fatizo ngababipimo.

The accuracy of other measurements on the field is traceable to the working measurement standards.

L'exactitude des autres mesures sur le terrain est traçables aux mesures de référence de travail.

UMUTWE WA IV: IGENZURA RY'INGERO N'IBIPIMO **CHAPTER IV: METROLOGICAL CONTROLS** **CHAPITRE IV: CONTRÔLES MÉTROLOGIQUES**

Ingingo ya 9: Igenzura ry'ingero n'ibipimo

Article 9: Metrological controls

Article 9: Contrôles métrologiques

Igenzura ry'ingero n'ibipimo rikorwa n'Ikigo gifite ingero n'ibipimo mu nshingano zacyo, hashingiwe ku bisabwa mu rwego rwa tekiniiki ku bikoresho bikoreshwa:

The organ in charge of metrology carries out metrological controls basing on technical requirements for equipment used in:

L'organe ayant la métrologie dans ses attributions assure les contrôles métrologiques, sur base des exigences techniques concernant les instruments utilisés :

1° mu nganda n'ubucuruzi;

1° industry and trade;

1° aux industries et au commerce;

2° ku bijyanye n'ibicuruzwa bipfunyitse;

2° pre-packaged products;

2° aux produits préemballés;

3° muri serivisi zo kubungabunga ubuzima;

3° health care services;

3° aux services de soins de santé;

4° mu kurengera ibidukikije;

4° environment protection;

4° à la protection de l'environnement;

5° mu kubahiriza ingero n'ibipimo bitegetswe.

5° compliance with legal metrology requirements.

5° au respect des mesures exigées par la métrologie légale.

Iteka rya Minisitiri rigena ibyitabwaho mu gukora igenzura, ibintu bishobora gufatirwa n'uko bicungwa.

An Order of the Minister determines control requirements for metrological controls and materials that are subject to seizure and modalities for their management.

Un arrêté du Ministre détermine les exigences de contrôles métrologiques et les objets susceptibles de saisie ainsi que leur gestion.

Ingingo ya 10: Kwemeza ubwoko, isuzuma n'igereranyabipimo by'igikoresho gipima n'ibikigize

Ubwoko bw'igikoresho gipima n'ibikigize bugenzurwa kandi bukemezwa n'Ikigo cy'igihugu gishinzwe ingero n'ibipimo mbere yo gushyirwa ku isoko cyangwa gukoreshwa icyo cyagenewe.

Igikoresho gipima gikoreshwa, gikorera bigereranya n'isuzumabipimo n'Ikigo cy'igihugu gifite mu nshingano ingero n'ibipimo cyangwa undi wese wabihereye uruhushya.

Iteka rya Minisitiri rishyiraho amabwiriza agenga uburyo bwo kwemeza igikoresho gipima n'ibikigize, isuzuma n'igereranyabipimo.

Ingingo ya 11: Kugenzura ibicuruzwa bipfunyitse

Ipfunywira ry'ibicuruzwa mbere y'uko bishyirwa ku isoko rishingira ku ngano yateganyijwe.

Inyandiko y'ingano y'igicuruzwa ishyirwa ku gipfunyika yubahiriza ingano nyakuri y'igicuruzwa igomba kubahiriza ibipimo ntarengwa.

Article 10: Type approval, verification and calibration of measuring equipment and its components

The organ in charge of metrology verifies and approves the type of measuring equipment and its modules before they are sold or put to intended use.

A measuring equipment which is in use is subjected to periodic calibration and verification by the organ in charge of metrology or any other authorized person.

An Order of the Minister determines technical regulations in regard to type approval, verification and calibration of the measuring equipment and its modules.

Article 11: Control of pre-packaged products

Pre-packaging of product intended to be placed on the market must be in prescribed quantities.

The imprints of the product's quantity indicated on the packaging reflects the actual quantity

Article 10: Approbation de type, vérification et étalonnage des équipements de mesure et ses composantes

L'organe ayant la métrologie dans ses attributions vérifie et approuve le type d'instrument de mesure et ses modules avant leur vente ou utilisation prévue.

Un instrument de mesure en utilisation est soumis à l'étalonnage et vérification périodiques par l'organe ayant la métrologie dans ses attributions ou par toute autre personne autorisée.

Un arrêté du Ministre détermine les règlements techniques relatifs à l'approbation, à la vérification et à l'étalonnage d'instrument de mesure et ses modules.

Article 11: Contrôle des produits pré-emballés

Les produits pré-emballés destinés à être mis sur le marché doivent être en quantités prescrites.

La mention de la quantité du produit indiquée sur l'emballage reflète la quantité réelle qui doit se conformer aux tolérances maximales.

which must comply with the maximum tolerances.

Iteka rya Minisitiri rigena ingano n'uburyo bwo kugenzura ibicuruzwa bipfunyitse.

An Order of the Minister determines the quantity and modalities for control of pre-packaged products.

Un arrêté du Ministre détermine la quantité et les modalités de contrôle des produits pré-emballés.

Article 12: Gukurikirana imikoreshereze y'ibipimo

Article 12: Metrological supervision

Article 12: Supervision métrologique

Gukurikirana ikorwa ry'ibikoresho bipima, uko byinjizwa mu gihugu, uko bishyirwa mu mwanya, uko bikoreshwa, uko bibungwabungwa n'uko bisanwa iyo byangiritse, bikorwa n'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe ingero n'ibipimo.

The metrological supervision of the manufacturing process, importation, installation, use, maintenance and repair of measuring equipment is done by the national metrology organ.

La supervision métrologique du processus de fabrication, d'importation, d'installation, d'utilisation, d'entretien et de réparation des instruments de mesure est faite par l'organe national de métrologie.

Iteka rya Minisitiri rigena uburyo bwo gukurikirana imikorereshereze y'ibipimo.

An Order of the Minister determines technical regulations for metrological supervision.

Un arrêté du Ministre détermine les règlements techniques de supervision métrologique.

Ingingo ya 13: Kwemeza ubuziranenge bw'ibikoresho bipima

Article 13: Conformity of measuring equipment

Article 13: Conformité d'équipements de mesure

Kwemeza ubuziranenge bw'ibikoresho bipima bikorwa n'Ikigo gishinzwe ingero n'ibipimo.

The organ metrology carries out the conformity assessment of measuring equipment.

L'organe ayant la métrologie dans ses attributions assure l'évaluation de la conformité des équipements de mesurage.

Ikigo gishinzwe ingero n'ibipimo gitanga icyemezo cy'ubuziranenge, ikirango, cyangwa ikimenyetso cy'ubuziranenge cyangwa byombi

The organ in charge of metrology issues a certificate of conformity, mark or seal on the equipment to prevent unauthorized adjustment or intervention.

L'organe ayant la métrologie dans ses attributions délivre un certificat de conformité, marque et scellé sur l'équipement

ku gikoresho gipima, mu rwego rwo kwirinda guhindura ibipimo mu buryo butemewe.

Iteka rya Minisitiri rigena ubwoko, bw'icyemezo, ibirango cyangwa ibimenyetso by'ubuziranenge, imiterere yabyo, ibikubiyemo, igihe bimara n'indi mikoreshereze yabyo.

UMUTWE WA V: AMAKOSA N'IBIHANO BYO MU RWEGO RW'UBUTEGETSI

Ingingo ya 14: Gukoresha nabi ingero n'ibipimo

Umuntu wese, ukoresha ingero n'ibipimo nabi, ukoresha ingero n'ibipimo bitujuje ubuziranenge, ibidafite ibimenyetso bibyemeza, ibitagenzuwe cyangwa ibitemewe gukoreshwa, aba akoze ikosa ryo mu rwego rw'ubutegetsi, ahanishwa ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda itari muni y'ibihumbi ijana (100.000 FRW), ariko itarenze amafaranga y'u Rwanda miliyoni ebyiri (2.000.000 FRW) kandi ibyo bikoresho bigahagarikwa gukoreshwa kugeza igihe byujuriye ingero n'ibipimo bisabwa.

Ingingo ya 15: Ukora igikoresho gipima kitujuje ibisabwa

Umuntu wese, ukora igikoresho gipima kitujuje ibisabwa n'iri tegeko, aba akoze ikosa ryo mu rwego rw'ubutegetsi, ahanishwa ihazabu

An Order of the Minister determines the type of certificate, label or seal, their format, content, duration and other requirements for use.

CHAPTER V: ADMINISTRATIVE FAULTS AND SANCTIONS

Article 14: Misuse of measurements and measuring equipment

Any person who misuses measurements and measuring equipment, who uses non-standard, unstamped, uncontrolled or rejected measuring equipment commits an administrative fault and is liable to a fine of not less than one hundred thousand Rwandan francs (FRW 100,000) and not more than two million Rwandan francs (FRW 2,000,000) and the equipment ceased to be used until it meets the required standards.

Article 15: Manufacture of non-compliant weighing and measuring equipment

Any person who manufactures weighing or measuring equipment that does not comply with the requirements of this law commits an

afin d'éviter tout ajustement ou intervention non-autorisée.

Un arrêté du Ministre détermine le type de certificat, étiquettes ou sceaux, leur format, le contenu, la durée de validité et les autres exigences relatives à leur utilisation.

CHAPITRE V: FAUTES ET SANCTIONS ADMINISTRATIVES

Article 14: Utilisation abusive des poids et mesures

Toute personne qui abuse des mesures et des équipements de mesure, qui utilise des mesures et des équipements de mesure non-standards, sans étiquettes, non-contrôlés ou rejetés commet une faute administrative et est passible d'une amende d'au moins cent mille francs rwandais (100.000 FRW) mais n'excédant pas deux millions de francs rwandais (2.000.000 FRW) et ces équipements cessent d'être utilisés jusqu'à ce qu'ils soient conformes aux normes exigées.

Article 15: Fabrication d'équipement de mesure non conforme

Toute personne qui fabrique l'équipement de mesure qui n'est pas conforme aux normes exigées par la présente loi commet une faute

y'amafaranga y'u Rwanda itari muni ya miliyoni ebyiri (2.000.000 FRW), ariko itarenze amafaranga y'u Rwanda miliyoni icumi (10.000.000 FRW) kandi icyo gikoresho kigahagarikwa gukoreshwa kugeza igihe cyujuriye ingero n'ibipimo bisabwa.

administrative fault and is liable to a fine of not less than two million Rwandan francs (FRW 2,000,000) and not more than ten million Rwandan francs (FRW 10,000,000) and the equipment ceased to be used until it meets the required standards.

administrative et est passible d'une amende d'au moins deux millions de francs rwandais (2.000.000 FRW) mais n'excédant pas dix millions de francs rwandais (10.000.000 FRW) et cet équipement cesse d'être utilisé jusqu'à ce qu'il soit conforme aux normes exigées.

Ingingo ya 16: Gukoresha nabi ibirango n'ibimenyetso

Article 16: Misuse of seals and stamps

Article 16: Utilisation abusive des marques et scellés

Umuntu wese, wigana, ukuraho, wangiza cyangwa ukoresha nabi ibirango n'ibimenyetso byashyizwe ku bikoresho by'ingero n'ibipimo, aba akoze ikosa ryo mu rwego rw'ubutegetsi, ahanishwa ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda itari muni ya miliyoni imwe (1.000.000 FRW) ariko itarenze amafaranga y'u Rwanda miliyoni eshatu (3.000.000 FRW).

Any person who counterfeits, removes, damages or misuses seals and stamps of measuring equipment, commits an administrative fault and is liable to a fine of not less than one million Rwandan francs (FRW 1,000,000) and not more than three million Rwandan francs (FRW 3,000,000).

Toute personne qui contrefait, ôte, détruit ou abuse des étiquettes et les scellés des équipements de mesurage, commet une faute administrative et est passible d'une amende d'au moins un million de francs rwandais (1.000.000 FRW) mais n'excédant pas trois millions de francs rwandais (3.000.000 FRW).

Ingingo ya 17: Gusana no kwita ku bikoresho by'ingero n'ibipimo utabifitiye uruhushya

Article 17: Repair and maintenance of metrological equipment without licence

Article 17: Réparation et entretien des équipements métrologiques sans autorisation

Umuntu wese, utanga serivisi irebana no gusana no kwita ku bikoresho by'ingero n'ibipimo atabifitiye uruhushya, aba akoze ikosa ryo mu rwego rw'ubutegetsi, ahanishwa ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda itari muni y'ibihumbi magana atanu (500.000 FRW), ariko itarenze amafaranga y'u Rwanda miliyoni eshanu (5.000.000 FRW).

Any person who provides repair and maintenance services for measuring equipment without a license commits an administrative fault and is liable to a fine of not less than five hundred Rwandan francs (FRW 500,000) and not more than five million Rwandan francs (FRW 5,000,000).

Toute personne qui fournit des services de réparation et d'entretien des équipements de mesurage sans autorisation commet une faute administrative et est passible d'une amende d'au moins cinq cent mille francs rwandais (500.000 FRW) mais n'excédant pas cinq millions de francs rwandais (5.000.000 FRW).

Ingingo ya 18: Kwimana cyangwa gutanga amakuru atari yo yerekeye ingero n'ibipimo

Umuntu wese, wimana cyangwa utanga amakuru yerekeye ingero n'ibipimo atari yo, aba akoze ikosa ryo mu rwego rw'ubutegetsi, ahanishwa ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda itari muni y'ibihumbi magana atanu (500.000 FRW) ariko itarenze amafaranga y'u Rwanda miliyoni imwe (1.000.000 FRW).

Ingingo ya 19: Ibishingirwaho mu kugena ingano y'ihazabu

Kugena ingano y'ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi ivugwa mu ngingo ya 14, iya 15, iya 16, iya 17 n'iya 18 bishingira ku buryo ikosa ryakozwemo n'ingaruka zaryo.

Ikigo cy'igihugu gifite ingero n'ibipimo mu nshingano gica ihazabu yo ku rwego rwo hasi, iringaniye cyangwa iyo hejuru hashingiwe kuri imwe cyangwa nyinshi mu mpamvu zikurikira:

1° iyo ari ubwa mbere umuntu akoze ikosa;

2° impurirane y'amakosa yo mu rwego rw'ubutegetsi avugwa muri iri tegeko;

Article 18: Refusal to provide information or provision of false information relating to measurements and measuring equipment

Any person who refuses to provide information or provides false information relating to measurements and measuring equipment commits an administrative fault and is liable to a fine of not less than five hundred Rwandan francs (FRW 500,000) and not more than one million Rwandan francs (FRW 1,000,000).

Article 19: Considerations in determining the amount of the fine

In determining the amount of the administrative fine referred to under articles 14, 15, 16, 17 and 18, the circumstances and effects of the fault are taken into account.

The national metrology organ imposes a low, medium or high fine basing on one or several of the following reasons:

1° if a person commits a fault for the first time;

2° co-occurrence of administrative faults referred to under this law;

Article 18: Refus de donner des informations ou fourniture de fausses informations relatives aux mesures et équipements de mesurage

Toute personne qui refuse de donner des informations ou fournit de fausses informations relatives aux mesures et équipements de mesurage commet une faute administrative et est passible d'une amende d'au moins cinq cent mille francs rwandais (500.000 FRW) mais n'excédant pas un million de francs rwandais (1.000.000 FRW).

Article 19: Éléments à prendre en compte pour déterminer le montant d'une amende

Pour fixer le montant d'une amende administrative visée aux articles 14, 15, 16, 17 et 18, il est tenu compte des circonstances et des conséquences de la faute.

L'organe national de la métrologie impose une amende moins élevée, moyenne ou élevée sur base d'une ou de plusieurs des raisons suivantes:

1° si une personne commet la faute pour la première fois;

2° concours de fautes administratives prévues par la présente loi;

3° isubirakosa;	3° repetition of fault;	3° répétition de faute ;
4° ikosa ryakozwe rigatera ingaruka mbi zibangamira inyungu rusange;	4° the fault committed has negative effects that are detrimental to the common interest;	4° la faute commise a produit des effets néfastes pour l'intérêt général;
5° ibyacurujwe mu mwaka;	5° annual turnover;	5° chiffre d'affaires annuel;
6° agaciro k'igikoresho cyangwa icyacurujwe.	6° value of measuring equipment or traded product.	6° valeur d'un équipement ou d'un produit vendu.

Ingingo ya 20: Isubirakosa

Iyo ikosa rivugwa mu ngingo ya 14, iya 15, iya 16, iya 17 n'ya 18 z'iri tegeko ryongeye gukorwa, ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi yari yahanishijwe yikuba kabiri (2).

Article 20: Recidivism

If the fault referred to under Articles 14, 15, 16, 17 and 18 of this Law is repeated, an administrative fine that was imposed on the defaulter is doubled (2).

Article 20: Récidive

En cas de récidive de la faute prévue aux articles 14, 15, 16, 17 et 18 de la présente loi, une amende administrative qui était infligée au fautif est portée au double (2).

Ingingo ya 21: Ikigo gica ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi n'aho ishyirwa

Ikigo cy'Igihugu gitsura ubuziranenge ni cyo gica ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi iteganywa n'iri tegeko.

Article 21: Organ which charges an administrative fine and its destination

Rwanda Standard Board charges the administrative fine provided for in this Law.

Article 21 : Organe qui impose l'amende administrative et sa destination

L'Office rwandais de normalisation impose l'amende administrative prévue par la présente loi.

Ihazabu iciwe ishyirwa mu Isanduku ya Leta.

The levied fine is deposited to the Public Treasury.

L'amende perçue est versée au Trésor Public.

Ingingo ya 22: Igihe cyo kwishyura ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi

Umuntu uhanishijwe ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi iteganywa muri iri tegeko,

Article 22: Time for payment of an administrative fine

A person who is subject to payment of an administrative fine provided for in this Law is

Article 22: Délai de paiement d'une amende administrative

Une personne qui se voit imposer une amende administrative prévue par la présente loi s'en

ayishyura mu gihe kitarenze iminsi irindwi (7) y'akazi ibarwa uhereye igihe yabimenyesherejwe mu nyandiko kandi ibikorwa bye biba bihagaritswe by'agateganyo. required to pay the fine within seven (7) working days from receipt of the written notice with a temporary closure of the activities. acquitte endéans sept (7) jours ouvrables à compter de la réception d'un avis écrit avec une suspension temporaire des activités.

Iyo uwahanishijwe ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi ivugwa mu gika kibanziriza iki atubahirije ibiteganywa muri icyo gika, ayishyura yongeyeho inyungu y'ubukererwe ingana na rimwe n'igice ku ijana (1, 5 %) yayo yagombaga kwishyura kuri buri munsu w'ubukererwe. If the person referred to in the preceding Paragraph is subject to the payment of an administrative fine and fails to comply with the provisions of the same Paragraph, he or she pays the amount due with late interest of one point five percent (1.5 %) of this amount for each day of delay. Si la personne visée à l'alinéa précédent se voit imposer l'amende administrative et ne respecte pas les dispositions dudit alinéa, elle paie le montant dû avec des intérêts de retard d'un point cinq pourcent (1,5 %) de ce montant pour chaque jour de retard.

Ingingo ya 23: Ubujurire ku bihano byo mu rwego rw'ubutegetsi **Article 23: Appeal against administrative sanctions** **Article 23: Recours contre les sanctions administratives**

Uwahawe igihano cyo mu rwego rw'ubutegetsi giteganywa n'iri tegeko ashobora gushyikiriza ubujurire bwe mu nyandiko Minisitiri, mu gihe kitarenze iminsi itanu (5) y'akazi ibarwa uhereye igihe yabimenyesherejwe mu nyandiko. A person against whom an administrative sanction is imposed under this Law may appeal in writing to the Minister, within five (5) working days from receipt of the written notice. Toute personne contre laquelle il est infligé une sanction administrative en vertu de la présente loi, peut faire recours écrit auprès du Ministre, endéans cinq (5) jours ouvrables à compter de la réception d'un avis écrit.

UMUTWE WA VI: INGINGO ZISOZA **CHAPTER VI: FINAL PROVISIONS** **CHAPITRE VI: DISPOSITIONS FINALES**

Ingingo ya 24: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko **Article 24: Drafting, consideration and adoption of this Law** **Article 24: Initiation, examen et adoption de la présente loi**

Iri tegeko ryateguwe mu rurimi rw'Icyongereza, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda. This law was drafted in English, considered and adopted in Ikinyarwanda. La présente loi a été initiée en anglais, examinée et adoptée en Ikinyarwanda.

Ingingo ya 25: Ivanwaho ry'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko

Ingingo zose z'amategeko abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho.

Ingingo ya 26: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa

Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku munsu ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, ku wa 10/01/2020

(sé)

KAGAME Paul
Perezida wa Repubulika

(sé)

Dr. NGIRENTE Edouard
Minisitiri w'Intebe

Bibonywe kandi bishyizweho ikirango cya Repubulika:

(sé)

BUSINGYE Johnston
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

Article 25: Repealing provision

All prior legal provisions contrary to this Law are repealed.

Article 26: Commencement

This Law comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali, on 10/01/2020

(sé)

KAGAME Paul
President of the Republic

(sé)

Dr. NGIRENTE Edouard
Prime Minister

Seen and sealed with the Seal of the Republic:

(sé)

BUSINGYE Johnston
Minister of Justice/Attorney General

Article 25: Disposition abrogatoire

Toutes les dispositions légales antérieures contraires à la présente loi sont abrogées.

Article 26: Entrée en vigueur

La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, le 10/01/2020

(sé)

KAGAME Paul
Président de la République

(sé)

Dr. NGIRENTE Edouard
Premier Ministre

Vu et scellé du Sceau de la République:

(sé)

BUSINGYE Johnston
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux